

**ITEGEKO N°03/2010 RYO KUWA
26/02/2010 RYEREKEYE UBURYO
BW'IMYISHYURANIRE**

**LAW N°03/2010 OF 26/02/2010
CONCERNING PAYMENT SYSTEM**

**LOI N°03/2010 DU 26/02/2010
RELATIVE AU SYSTEME DE
PAIEMENT**

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

**CHAPTER ONE:GENERAL
ROVISIONS**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES**

**Ingingo ya mbere : Icyo iri tegeko
rigamije**

Article one :Purpose of this Law

Article premier : Objet de la présente loi

Ingingo ya 2 : Ibisobanuro by'amagambo

Article 2 : Definitions of terms

Article 2 : Définitions des termes

**UMUTWE WA II: IMITUNGANYIRIZE
N'UBUGENZUZI BIKORWA NA
BANKI NKURU**

**CHAPTER II: REGULATION AND
SUPERVISION BY THE CENTRAL
BANK**

**CHAPITRE II : REGLEMENTATION
ET SURVEILLANCE PAR LA
BANQUE CENTRALE**

**Ingingo ya 3 : Ihame ryo kwemererwa
gukora**

Article 3 : Principle of licensing

Article 3 : Principe d'agrément

**Ingingo ya 4 : icyemezo cya Banki Nkuru
cyo kugenzura uburyo bwo kwishyurana
cyangwa ushyiraho impapuro
z'ubwishyurane**

**Article 4 : Decision from the Central
Bank to submit a system or an issuer of
payment instruments to its supervision**

**Article 4 : Décision de la Banque Centrale
pour soumettre un système ou un
émetteur des instruments de paiement à
sa surveillance**

**Ingingo ya 5 : Ibyangombwa n'inzira byo
kwemererwa**

**Article 5 :Licensing criteria and
procedure**

**Article 5 : Critères et procédure
d'agrément**

**Ingingo ya 6 : Kwambura cyangwa
guhagarika uruhushya**

**Article 6 : Withdrawal or suspension of
the licence**

**Article 6 : Retrait ou suspension
d'agrément**

Ingingo ya 7 : Ububasha bwa Banki Nkuru bwo guteza imbere uburyo bw'imyishyuranire ngo bukomere, bukorwe neza kandi bunozwe

Article 7 : Powers of the Central Bank to promote the soundness, safety and efficiency of the payment system

Article 7 : Pouvoir de la Banque Centrale de promouvoir la solidité, la sécurité et l'efficacité du système de paiement

Ingingo ya 8 : Igenzura n'ikurikirana rikorwa na Banki Nkuru ku buryo bwo kwishyurana no ku itangwa n'ikoreshwa ry'inyandiko z'ubwishyu

Article 8 : Supervision and regulation by the Central Bank with respect to systems and to the issuing and use of payment instruments

Article 8 : Surveillance et réglementation de la Banque Centrale relative aux systèmes, à l'émission et à l'utilisation des instruments de paiement

Ingingo ya 9: Ububasha bwa Banki Nkuru bwo gushakisha amakuru

Article 9 : Investigative powers of the Central Bank

Article 9: Pouvoir d'investigation de la Banque Centrale

Ingingo ya 10 : Ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi

Article 10 : Administrative sanctions

Article 10 : Sanctions administratives

UMUTWE WA III: KURINDA NO KUBUNGABUNGA UBURYO BWO KWISHYURANA

CHAPTER III: PROTECTION OF SYSTEMS

CHAPITRE III: PROTECTION DES SYSTEMES

Ingingo ya 11: Ibiranga ubwishyu no kwishyurana

Article 11: Character of payments and settlements

Article 11 : Caractère des paiements et des règlements

Ingingo ya 12 : Gushyira ku ikonti cyangwa gukuraho amafaranga yo kwishyurana bitewe n'igikorwa cy'ikurikirana ry'igihombo n'ikoreshwa ry'inguzanyo ntarengwa

Article 12 : Credit or debit of settlement account subsequent to insolvency proceedings and use of credit line

Article 12 : Crédit ou débit du compte de règlement consécutif à la procédure d'insolvabilité et d'utilisation de ligne de crédit

Ingingo ya 13: Uburyo bwo guhana amakuru yerekeye itangizwa ry'igikorwa cy'ikurikirana ry'igihombo cy'abakora imirimo yo kwishyurana

Article 13 : Information mechanisms related to the opening of insolvency proceedings against participants

Article 13 : Mécanismes d'information relatifs à l'ouverture de la procédure d'insolvabilité contre les participants

<u>Ingingo ya 14</u> : Kurinda no kubungabunga konti zo kwishyurana kugira ngo zidafatirwa	<u>Article 14</u> :Protection of settlement accounts against attachments and seizure	<u>Article 14</u> : Protection des comptes de règlement contre les séquestres et les saisies
<u>Ingingo ya 15</u>: Igongana ry’ingingo z’amategeko yerekeye uburenganzira n’inshingano biturutse k’ufite uruhare mu buryo bwo kwishyurana	<u>Article 15</u>: Conflict of laws provisions regarding the rights and obligations deriving from a participant	<u>Article 15</u> : Conflit des dispositions légales concernant les droits et les obligations résultant de la participation
<u>UMUTWE WA IV. AMASEZERANO Y’UBUGWATE</u>	<u>CHAPTER IV. COLLATERAL ARRANGEMENTS</u>	<u>CHAPITRE IV. CONTRAT DE GARANTIE</u>
<u>Ingingo ya 16</u> :Amasezerano y’ubugwate mu by’imari	<u>Article 16</u> : Financial collateral arrangements	<u>Article 16</u>: Contrat de garanties financières
<u>Ingingo ya 17</u>: Iyemerwa n’ikurikizwa ry’amasezerano ateganya irangizwa ry’inshingano igihe kitaragera	<u>Article 17</u> : Validity and enforceability of close-out netting provisions	<u>Article 17</u> : Validité et applicabilité des clauses de compensation avec déchéance du terme
<u>Ingingo ya 18</u>: Igurisha ry’ingwate mu by’imari	<u>Article 18</u> : Realisation of financial collateral	<u>Article 18</u> : Réalisation de la garantie financière
<u>Ingingo ya 19</u>: Kutagira ingaruka ku bikorwa byarangiye mbere y’igikorwa cy’ikurikirana ry’igihombo	<u>Article 19</u> : Non applicability of retroactive effects on acts prior to insolvency proceedings	<u>Article 19</u> :Absence d’effets rétroactifs sur les actes antérieurs à la procédure d’insolvabilité
<u>Ingingo ya 20</u> : Amategeko akurikizwa mu kwinjiza ingwate mu bitabo by’ibaruramari	<u>Article 20</u> :Binding legal provisions in relation to entry of collateral in the books of accounts	<u>Article 20</u> : Dispositions légales applicables en matière d’inscription en compte de la garantie financière
<u>UMUTWE WA V: INGINGO ZINYURANYE</u>	<u>CHAPTER V: MISCELLANEOUS PROVISIONS</u>	<u>CHAPITRE V: DISPOSITIONS DIVERSES</u>

<u>Ingingo ya 21:</u> Iyemerwa ry'inyandiko zishyinguye n'ibimenyetso bikoze mu buryo bw'ikoranabuhanga n'ubw'amashusho	<u>Article 21 :</u> Admissibility of electronic and optical evidence and archives	<u>Article 21 :</u> Admissibilité des preuves et archives électroniques et optiques
<u>Ingingo ya 22:</u> Uburyo bwo guhinduranya inyandiko zo kwishyurana	<u>Article 22 :</u> Truncation procedure	<u>Article 22:</u> Procédure de dématérialisation
<u>Ingingo ya 23:</u> Ishyirwaho ry'Inama y'Igihugu ishinzwe uburyo bw'imyishyuranire	<u>Article 23 :</u> Establishment of a National Payment Council	<u>Article 23:</u> Création d'un Conseil National de Paiement
<u>Ingingo ya 24:</u> Ingingo zerekeye ibyaha	<u>Article 24 :</u> Criminal provisions	<u>Article 24 :</u> Dispositions pénales
<u>UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA</u>	<u>CHAPTER IX :FINAL PROVISIONS</u>	<u>CHAPITRE IX: DISPOSITIONS FINALES</u>
<u>Ingingo ya 25:</u> Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko	<u>Article 25:</u> Drafting , consideration and adoption of this Law	<u>Article 25:</u> Initiation , examen et adoption de la présente loi
<u>Ingingo ya 26:</u> Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko	<u>Article 26:</u> Repealing provision	<u>Article 26 :</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 27:</u> Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa	<u>Article 27:</u> Commencement	<u>Article 27 :</u> Entrée en vigueur

**ITEGEKO N°03/2010 RYO KUWA
26/02/2010 RYEREKEYE UBURYO
BW'IMYISHYURANIRE**

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO
YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE,
DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE
RITYA KANDI DUTEGETSE KO
RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA
YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite mu nama yawo yo kuwa 12/10/2009;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 62, iya 66, iya 67, iya 90, iya 92, iya 93, iya 108, n'iya 201;

Ishingiye ku Itegeko n° 15/2004 ryo kuwa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo;

Ishingiye ku Itegeko n° 55/2007 ryo kuwa

**LAW N°03/2010 OF 26/02/2010
CONCERNING PAYMENT SYSTEM**

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED,
AND WE SANCTION, PROMULGATE
THE FOLLOWING LAW AND
ORDER IT BE PUBLISHED IN THE
OFFICIAL GAZETTE OF THE
REPUBLIC OF RWANDA**

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 12/10/2009;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in its Articles 62, 66, 67, 90, 92, 93, 108 and 201;

Pursuant to Law n° 15/2004 of 12/06/2004 relating to evidence and its production ;

Pursuant to Law n° 55/2007 of 30/11/2007

**LOI N°03/2010 DU 26/02/2010
RELATIVE AU SYSTEME DE
PAIEMENT**

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République ;

**LE PARLEMENT A ADOPTÉ, ET
NOUS SANCTIONNONS,
PROMULGUONS LA LOI DONT LA
TENEUR SUIT ET ORDONNONS
QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU
JOURNAL OFFICIEL DE LA
REPUBLIQUE DU RWANDA**

LE PARLEMENT :

La Chambre des Députés, en sa séance du 12/10/2009;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 4 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 62, 66, 67, 90, 92, 93 et 201 ;

Vu la loi n° 15/2004 du 12/06/2004 portant mode et administration de la preuve ;

Vu la loi n° 55/2007 du 30/11/2007 régissant

30/11/2007 rigenga Banki Nkuru y'u Rwanda, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 6 n'iya 76;	governing the Central Bank of Rwanda, especially in Articles 6 and 76,	la Banque Centrale du Rwanda, spécialement en ses articles 6 et 76 ;
Ishingiye ku Itegeko n°007/2008 ryo kuwa 08/04/2008 rigenga imitunganyirize y'imirimo y'amabanki, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 1, iya 80, iya 84, iya 88, iya 91, iya 92, iya 95 n'iya 96 ;	Pursuant to Law n°007/2008 of 08/04/2008 concerning organization of Banking especially in its Articles 1, 80, 84, 88, 91, 92, 95 and 96;	Vu la loi n°007/2008 de la 08/04/2008 portant organisation de l'activité bancaire, spécialement en ses articles 1, 80, 84, 88, 91, 92,95 et 96;
Ishingiye ku Itegeko n°40/2008 ryo kuwa 26/08/2008 rigenga imitunganyirize y'imirimo y'imari iciriritse, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 2, 63, 67, 76 n'iya 79 ;	Pursuant to Law n°40/2008 of 26/08/2008 concerning organization of microfinance activities, especially in its Articles 2, 63, 67, 76 and 79;	Vu la loi n°40/2008 de la 26/08/2008 portant organisation de l'activité des institutions de microfinance, spécialement en ses articles 2, 63, 67,76 et 79;
Ishingiye ku Itegeko n°12/2009 ryo kuwa 26/05/2009 ryerekeye izahura ry'ubucuruzi n'irangiza ry'ibibazo biturutse ku gihombo, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 101.	Pursuant to Law n°12/2009 of 26/05/2009 relating to commercial recovery and settling of issues arising from insolvency, especially in its Article 101;	Vu la loi n°12/2009 du 26/05/2009 relative au redressement commercial et au règlement des problèmes d'insolvabilité, spécialement en son Article 101 ;

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOPTE:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE:GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Article One :Purpose of this Law

Article premier : Objet de la présente loi

Iri tegeko rishyiraho amategeko agenga imitunganyirize y'ibikorwa by'imyishyuranire mu byerekeranye n'ibi

This Law sets forth the rules governing the regulation of payment system regarding the following :

La présente loi détermine les règles relatives à la réglementation du système de paiement en ce qui concerne :

bikurikira:.

- 1° gushyiraho uburyo rusange bw'imyishyuranire;
- 2° itangwa rya serivisi zo kwishyurana harimo kugena n'imikoreshereze y'inyandiko zo kwishyurana;
- 3° kugenzura ibikorwa bya serivisi z'imyishyuranire;
- 4° kubungabunga uburyo bwo kwishyurana n'ubw'ubwumvikane bujyanye n'ingwate mu by'imari.

Ibyo bikorwa byose bikorwa na Banki Nkuru .

Ingingo ya 2 : Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri tegeko, amagambo akurikira avuga:

- 1° **"banki"** : banki nk'uko biteganyijwe mu itegeko rigena imitunganyirize y'imirimo y'amabanki
- 2° **"ingwate yinjijwe muri konti"**: inyandiko z'imari n'amabuye y'agaciro bitangwa mu rwego rw'amasezerano ajyanye n'ingwate, bituma bigaragara ko byinjijwe muri rejisitiri cyangwa kuri konti icungwa

- 1° establishment of systems;
- 2° provision of payment services, in particular in relation to the issuing and use of payment instruments;
- 3° supervision of payment systems;
- 4° protection of systems and financial collateral arrangements.

All those activities are carried out by Central Bank.

Article 2: Definitions of terms

Terms and expressions used in this Law have the following meanings:

- 1° **"bank"** : bank within the meaning of the Law concerning organisation of banking ;
- 2° **"book Entry securities Collateral"**: financial Instruments and precious metals provided under a financial collateral Arrangement, title to which is evidenced in entries in a register or account maintained

- 1° la mise en place des systèmes ;
- 2° l'offre de service de paiement particulièrement en rapport avec l'émission et l'utilisation des instruments de paiement ;
- 3° la surveillance des systèmes de paiement;
- 4° la protection des systèmes et des accords de garanties financières.

Toutes ces activités sont menées par la Banque Centrale.

Article 2 : Définitions des termes

Dans la présente loi, les termes et expressions repris ci-après signifient :

- 1° **« banque »** : banque au sens de la loi portant organisation de l'activité bancaire ;
- 2° **"garantie sous forme d'instruments financiers transmissibles par inscription en compte"** : des instruments financiers et métaux précieux offerts en vertu d'un contrat de garantie financière dont le droit

- n'uwabiherewe ububasha cyangwa ayicungirwa n'undi; by proxy or on behalf of an intermediary; est attesté par une inscription dans un registre ou sur un compte tenu par un intermédiaire ou pour son compte.
- 3°. **“kashi”** : amafaranga, ashirwa kuri konti mu mafaranga y'igihugu icyo aricyo cyose, cyangwa ubwishyu bwa bene ayo mafaranga, nk'amafaranga abitswa mu rwego rw'isoko ry'ifaranga hagati y'amabanki; 3° **“cash”** : money, credited to an account in any currency, or similar claims for the repayment of money, such as money market deposits; 3° **“espèces”** : argent porté au crédit d'un compte dans n'importe quelle monnaie ou des créances similaires ouvrant droit à la restitution d'argent, tels que des dépôts sur le marché monétaire;
- 4° **“Banki Nkuru”** : Banki Nkuru y'u Rwanda; 4° **“Central Bank”** : the National Bank of Rwanda; 4° **« Banque Centrale »** : la Banque Nationale du Rwanda ;
- 5° **“ikigo gishinzwe imicungire y'inyandiko z'agaciro”**: ikigo gishinzwe kubika inyandiko z'agaciro kikanafasha kuzihererekanya binyuze muri za konti zabugenewe; 5° **“central securities depository”**: an entity in whose register are recorded financial instruments and enabling Financial Instruments transactions to be finally processed by book-entry; 5° **dépositaire central des titres** : une institution chargée de l'enregistrement des instruments financiers immobilisés et qui facilite le traitement final de transaction de ces instruments par inscription en compte.
- 6° **“uburyo bw'ihwanyabwishyu”**: uburyo bushinzwe guhererekanya inyandiko, guhuza imibare, no kwemeza amabwiriza yo kwoherezanya amafaranga kugirango habeho isoza ryo kwishyurana; 6° **“clearing system”**: a system responsible for transmitting, reconciling and, in some cases, confirming Financial Instruments transfer instructions prior to settlement; 6° **« système de compensation »** : un système facilitant la transmission, la réconciliation et dans certains cas, la confirmation des instructions des transferts des instruments financiers en vue de leur règlement.
- 7° **“amasezerano ateganya irangizwa ry'umwenda igihe kitaragera”**: ingingo y'amasezerano mu by'imari ateganya ingwate cyangwa ubundi bwumvikane bene ayo masezerano akubiyemo, iteganya ko igikorwa iki n'iki nikibaho, byaba ku 7° **“close-out netting provision”** a provision of a financial collateral arrangement, or any arrangement of which a financial collateral arrangement forms part, by which, on the occurrence of an Enforcement Event, whether through the 7° **« clause de compensation avec déchéance du terme »** : une clause d'un contrat de garantie financière ou d'un contrat contenant une telle clause, en vertu de laquelle la survenance d'un fait motivant l'exécution, que ce soit par novation ou

bw'igikorwa cy' ivugururamwenda, cy'ihwanyabwishyu cyangwa ku bundi buryo bigira ingaruka zikurikira:

a) irangizwa ry'inshingano z'abafitanye amasezerano ryihutishwa ku buryo zihita zihinduka ubwishyu bungana n'agaciro kagezweho kazo, cyangwa zikavanwaho zisimbuzwa inshingano yo kwishyura amafaranga ahwanyane n'ako gaciro;

b) ibyo buri umwe mu bagiranye amasezerano agomba undi cyangwa undi amugomba bigenwa hashingiwe ku myenda ya bombi, ku buryo umubare w'ikinyuranyo cy'umwenda wishyurwa n'usigaye kwishyura umubare w'amafaranga uruta uw'undi.

8° **“utanga ingwate”**: umuntu cyangwa isosiyete utanga ingwate mu by'imari hashingiwe ku masezerano y'ubugwate mu by'imari ajyanye n'iyegurirwa ry'ingwate cyangwa amasezerano y'ubugwate nta yegurirwa ry'ingwate ryabayeho;

9° **“ufata ingwate”**: umuntu cyangwa isosiyete wahawe ingwate mu by'imari

operation of Netting or set-off or otherwise it shall result into the following effects:

a) the obligations of the parties are accelerated so as to be immediately due and expressed as an obligation to pay an amount representing their estimated current value, or are terminated and replaced by an obligation to pay such an amount;

b) obligations binding each party or binding any other party shall be determined in respect of such obligations of both parties, such that a net sum equal to the balance of the account is payable by the party from whom the larger amount is due to the other party.

8° **“collateral provider”** : a person or an entity providing financial collateral with a title transfer financial arrangement , or without a title transfer financial arrangement;

9° **“collateral taker”** : a person or an entity being provided financial collateral

compensation ou d'une autre manière, entraîne les effets suivants:

a) l'exécution des obligations des parties est accélérée , de sorte que lesdites obligations sont soit immédiatement exigibles et exprimées comme une obligation de payer un montant représentant leur valeur courante estimée, soit éteintes et remplacées par une obligation de payer le montant susmentionné ;

b) un relevé est établi pour les sommes que se doivent mutuellement les parties en vertu de ces obligations et un montant égal au solde net doit être versé par la partie dont la dette est la plus élevée.

8° **« constituant de garantie »** : une personne ou une entité qui fournit une garantie financière dans le cadre d'un contrat de garantie financière avec transfert de propriété ou d'un contrat de garantie financière sans transfert de propriété ;

9° **« preneur de garantie »** : une personne ou une entité qui reçoit une garantie

hashingiwe ku masezerano y'ubugwate mu by'imari ajyanye n'iyegurirwa ry'ingwate cyangwa amasezerano y'ubugwate nta yegurirwa ry'ingwate ryabayeho;

10° “igikorwa gitera igurishwa ry'ingwate”: igihombo cyangwa ikindi kintu gisa nacyo cyumvikanyweho n'abagirana amasezerano ko kiramutse kibayeho cyangwa bikagenda ukundi nk'uko biteganywa n'amasezerano y'ubugwate mu by'imari cyangwa ku bw'itegeko, nyiri uguhabwa ingwate ashobora kuyigurisha, kuyiyegurira cyangwa hakabaho irangiza ry'umwenda igihe kitaragera;

11° “ingwate mu by'imari”: kashi, inyandiko z'imari cyangwa amabuye y'agaciro;

12° “amasezerano y'ubugwate mu by'imari”: amasezerano y'ubugwate mu by'imari ajyanye n'iyegurirwa ry'izo ngwate cyangwa nta yegurirwa ryabayeho, yaba ashingiye cyangwa adashingiye ku yandi masezerano y'ibanze cyangwa ku bindi bigomba kuba byujujwe muri rusange;

13° “ikigo cy'imari”: ikigo cy'imari nk'uko biteganywa n'Itegeko rigena imitunganyirize y'imirimo y'amabanki;

with a title transfer financial arrangement, or without a title transfer financial arrangement;

10° “enforcement event” : a default or any similar event as agreed between the parties on the occurrence of which, under the terms of a Financial collateral arrangement or by law, the collateral taker is entitled to realise financial collateral lto own it or a close-out netting provision comes into effect;

11° “financial collateral”: cash financial instruments or precious metals;

12° “financial collateral arrangement”: a financial collateral with a title transfer financial arrangement or without a title transfer financial arrangement , whether or not these are covered by a master agreement or general terms and conditions;

13° “financial institution”: a financial institution within the meaning of the law concerning organisation of banking law ;

financière dans le cadre d'un contrat de garantie financière avec transfert de propriété ou d'un contrat de garantie financière sans transfert de propriété ;

10° “fait entraînant la réalisation de la garantie” : une défaillance ou tout autre événement similaire convenu entre les parties, dont la survenance, en vertu du contrat de garantie financière ou en application de la loi, habilite le preneur de la garantie à réaliser ou à s'approprier la garantie financière ou déclenche une compensation avec déchéance du terme;

11° « garantie financière » : les espèces, les instruments financiers ou les métaux précieux ;

12° « contrat de garantie financière » : un contrat de garantie financière avec transfert de propriété ou un contrat de garantie financière sans transfert de propriété, qu'ils soient couverts ou non par un accord-cadre ou par des conditions et modalités générales;

13° « institution financière » une institution financière au sens de la loi portant organisation de l'activité bancaire;

14° “inyandiko z’imari”: imigabane mu masosiyete n’indi ihwanye na bene iyo migabane; ubufatamwenda n’ubundi bwoko bw’inyandiko zifatirwaho imyenda igihe zishobora gushyirwa ku isoko ry’imigabane; n’izindi ngwate zitangwa bisanzwe zigatanga uburenganzira bwo kubona bene iyo migabane, ubwo bufatamwenda cyangwa ingwate zindi mu buryo bwo gufata imigabane, kugura cyangwa kugurana cyangwa bituma habaho kwishyurana kashi hatarimo inyandiko z’ubwishyu, harimo uruhare mu mishinga yo gushora imari y’abantu benshi, inyandiko z’isoko ry’ifaranga n’ukwishyuza imyenda cyangwa uburenganzira bishingiye kuri buri cyose mu bimaze kuvugwa;

15° “igikorwa cyo gukurikirana igihombo”: uburyo bwose rusange buteganywa n’amategeko y’u Rwanda cyangwa ay’ikindi gihugu bwo guhagarika imirimo y’umuntu cyangwa y’ikigo cyangwa kumuzahura/kukizahura, iyo ubwo buryo bugamije iseswa cyangwa kugabanya ihererekanya cyangwa iyishyura ry’amafaranga mu Rwanda. Igikorwa cyo gukurikirana igihombo kigendana no kwemeza igihombo, kumvikana imbere y’Urukiko, kumvikana kuzahura uwahombye imbere y’urukiko, icyemezo cyo gusesa ikigo bitegetswe n’urukiko cyangwa ku

14° “financial instruments”: shares in companies and other securities equivalent to shares in companies; bonds and other forms of debt instruments, if these are negotiable on the capital market; and any other securities which are normally dealt in and which give the right to acquire any such shares, bonds or other securities by subscription, purchase or exchange or which give rise to a cash settlement excluding payment instruments but including units in collective investment schemes, money market instruments and claims relating to or rights in or in respect of any of the foregoing;

15° “insolvency proceedings”: any collective measure provided for in the laws of Rwanda or another country either to wind up a person or entity or to reorganise it, where such measure involves its suspension, or imposing limitations on transfers or payments in Rwanda. Insolvency proceedings encompass the bankruptcy, the judicial composition, the winding-up of companies effected by the Court or voluntarily as well as the suspension of the payment process by the special commissioner in the framework of recovery measures, the voluntary or forced

14° « instruments financiers » : les actions et les autres titres assimilables à des actions, les obligations et les autres titres de créance, négociables sur le marché des capitaux, et tous les autres titres habituellement négociés et conférant le droit d'acquérir de telles actions, obligations ou autres titres par voie de souscription, d'achat ou d'échange ou donnant lieu à un règlement en espèces à l'exclusion des instruments de paiement, y compris les parts dans les organismes de placement, les instruments du marché monétaire ainsi que les créances relatives à ces différents éléments ou les droits sur ou relatifs à ces différents éléments;

15° «procédure d'insolvabilité»: toute mesure collective prévue par la législation rwandaise, ou par la législation d'un autre pays, aux fins soit de déclarer la cessation des activités du participant, soit de le réorganiser dès lors que cette mesure implique la suspension ou une limitation des transferts ou des paiements au Rwanda. La procédure d'insolvabilité inclut la déclaration de faillite, le compromis judiciaire, le concordat, la liquidation judiciaire ou volontaire des sociétés, ainsi que la procédure de cessation de paiement

bushake kimwe no guhagarika ubwishyu bikoze n'intumwa idasanzwe mu rwego rwo kugera ku iseswa ku bushake cyangwa ritegetswe riteganywa n'itegeko rigenga amabanki n'irigenga ibigo by'imari iciriritse;

16° “utanga inyandiko z’ubwishyu”: ikigo giha umuntu inyandiko z’ubwishyu ku bazikoresha hagamije kwishyurana;

17° “ikigo cy’imari iciriritse”: ikigo cy’imari iciriritse nk’uko gisobanurwa n’itegeko rigenga ibigo by’imari iciriritse;

18° “ihwanyabwishyu”: kubumbira hamwe imyenda itandukanye abafite uruhare mu buryo bwo kwishyurana bafite hagati yabo ku buryo buri wese yishyura umwenda mbumbe afitiye mugenzi we. Ihwanyabwishyu rishobora kuba hagati y’ibigo bibiri cyangwa byinshi, habayeho cyangwa hatabayeho ivugururamwenda;

19° “ushinzwe imikoreshereze”: ikigo gishinzwe imikoreshereze cyangwa imicungire y’uburyo bwo kwishyurana;

20° “ufite uruhare mu kwishyurana”: ikigo gifite uruhare mu buryo bwo kwishyurana cyangwa umwe mu bashyize umukono ku masezerano agenga uburyo bwo

liquidation organised in the Banking Law and in the Micro Finance Law;

16° “issuer of payment instruments” : any entity which provides payment instruments to users for the purpose of making payments;

17° “micro finance institution” : a micro finance institution within the meaning of the Micro Finance Law;

18° “netting”: the merging of different claims which exist among participants in the payment system such each pays a lumpsum of the debt. Netting encompasses bilateral and multilateral, be it with or without novation;

19° “operator” the entity that is in charge of the operation or administration of the payment system;

20° “participant”: an entity that has a role in the payment system or one of the parties to an arrangement that establishes a System, including its Operator. There may

conduite par un mandataire spécial dans le cadre des mesures de recouvrement, la liquidation volontaire ou forcée organisée par la loi bancaire et dans la loi relative aux microfinances ;

16° « émetteur des instruments de paiement » : toute entité qui fournit des instruments de paiement aux utilisateurs afin d'effectuer des paiements ;

17° « institution de micro finance » : une institution financière au sens de la loi relative aux microfinances ;

18° « compensation » : la conversion des créances et des obligations résultant des engagements réalisables de sorte que seulement une créance nette puisse être demandée ou une obligation nette soit exigible. La compensation comprend la compensation bilatérale et multilatérale, qu'elle se fasse avec ou sans novation ;

19° « opérateur » : l'entité qui est responsable du fonctionnement ou de l'administration d'un système de paiement ;

20° « participant » : entité qui a un rôle dans un système de paiement ou une partie à un accord qui établit un système, incluant son opérateur. Une distinction peut exister

kwishyurana, harimo n’ushinzwe kubukoresha. Hashobora kubaho ikigo gifite uruhare rutaziguye gifite uburenganzira bwo kwishyurana muri ubwo buryo n’ikindi gifite uruhare ruziguye cyishyurana gikoresheje konti y’ikigo gifite uruhare rutaziguye;

21° “utanga serivisi z’imyishyuranire”: ikigo gitanga serivisi zifasha kubitsa no kubikuzza amafaranga, gutunganya ibikorwa byo kwishyurana, gutanga no kwakira inyandiko zo kwishyurana, kwohererezanya amafaranga n’izindi serivisi zijyana no kwohererezanya amafaranga;

22° “inyandiko zo kwishyurana”: sheki, amafaranga ari mu buryo bw’ikoranabuhanga, amakarita yo kubikuzza muri banki yemera inguzanyo, amakarita yo kubikuzza muri banki itemera inguzanyo, cyangwa indi nyandiko yose abantu bakoresha mu kwishyurana, uretse inoti n’ibiceri;

23° “uburyo bw’imyishyuranire”: ubwumvikane bwemewe cyangwa urwego ruhurirwaho n’abantu batatu cyangwa benshi babifitemo uruhare, bahuriye ku mabwiriza amwe n’ubwumvikane busanzwe bwemewe aho ari ho hose biba bigamije gutunganya, guhererekanya, no gushyira mu bikorwa

be an entity that has a direct role with rights in the payment system and the another with indirect rights that is able to settle only through the accounts of a direct Participant;

21°. “payment Service Provider”: any entity providing services enabling cash deposits and withdrawals, execution of payment transactions, issuing and/or acquisition of payment instruments, money remittances and any other services functional to the transfer of money;

22° “payment instruments”: cheques, electronic money, credit cards, debit cards or any other instrument through which persons can make payments, with the exception of banknotes and coins;

23°. “payment system”: a formal arrangement or a framework which is binding between three or more participants, with common rules and standardised arrangements for the processing, clearing and settlement of payment obligations or payment messages.

entre participants directs capables de régler directement à travers le système et un participant indirect pouvant seulement régler à travers les comptes du participant direct » ;

21° « prestataire des services de paiement »: une institution offrant des services permettant le dépôt et le retrait de fonds, l’exécution des transactions de paiement, l’émission et/ou l’acquisition des instruments de paiement, le transfert d’argent et tout autre service relatif au transfert de fonds ;

22° « instruments de paiement »: les chèques, la monnaie électronique, les cartes de crédit et les cartes de débit ou tout autre instrument par lesquels les personnes peuvent effectuer des paiements, à l’exception des billets de banque et des pièces de monnaie ;

23°. « système de paiement »: un accord formel ou un cadre qui lie trois ou plusieurs participants, avec des règles communes et des procédures normalisées pour le traitement, l’échange et/ou le règlement des obligations de paiement ou message de paiement.

ishingano zo kwishyurana cyangwa ubutumwa bwo kwishyurana.

24° “konti ikwiye” : ku birebana n’ingwate ziri mu gitabo, regisitiri cyangwa konti, - iba itunzwe n’uhabwa ingwate- ishyirwamo ingwate zihabwa nyiri ubwishyu butangiwe ingwate;

25° “uburyo bwo kwishyurana inyandiko z’agaciro”: amasezerano akozwe ku buryo busanzwe bwemewe hagati y’abafite uruhare muri ubwo buryo batatu cyangwa barenga, bahujwe n’amategeko amwe n’amasezerano asanzwe yemewe aho ari ho hose hagamijwe ishyirwa mu bikorwa ry’iyishyurana ry’inyandiko zifite agaciro;

26° “konti yo kwishyurana”: konti ishyirwa mu bitabo by’ushinzwe imyishyuranire ikoreshwa mu kwakira amafaranga n’inyandiko z’imari no kurangiza amasezerano hagati y’abafite uruhare mu buryo bw’imyishyuranire;

27° “ushinzwe imyishyuranire”: ikigo giha abafite uruhare mu buryo bw’imyishyuranire konti zikoreshwa mu bikorwa

24° “relevant account”: in relation to book entry collateral, the register or account – which may be maintained by the collateral taker – in which the entries are made by which that book entry collateral is provided to the collateral taker;

25° “securities settlement system”: a formal arrangement between three or more participants, with common rules and standardised arrangements for the settlement of financial instruments;

26° “settlement account” : an account in the books of an agent in charge of settlement used in holding money and financial instruments and to settle transfer orders between participants in a system;

27° “settlement agent”: an entity providing to participants of systems, settlement accounts through which

24° « compte pertinent » : lorsqu'il s'agit d'une garantie sous forme d'instruments financiers transmissibles par inscription en compte dans le cadre d'un contrat de garantie financière, le registre ou le compte - qui peut être tenu par le preneur de la garantie - où sont portées les inscriptions par lesquelles les instruments financiers sont remis à titre de garantie au preneur.

25° « système de règlement de titres » : un accord formel entre trois participants ou plus, avec des règles communes et des procédures normalisées pour le règlement des instruments financiers;

26 « compte de règlement » : un compte dans les livres d'un agent de règlement utilisé pour le dépôt des fonds et des instruments financiers et pour effectuer les ordres de transfert entre participants à un système ;

27°. « organe de règlement » : une entité qui procure aux participants à un système, des comptes de règlement par lesquels des

by'iherekanyamari muri ubwo buryo, biramutse bibaye ngombwa, hakabamo gutanga inguzanyo kuri abo babifitemo uruhare kugirango bayifashishe mu kwishyura abandi;

28°. “**kwishyurana**”: igikorwa cyo kurangiza inshingano y'umwenda hakoreshejwe guhererekanya amafaranga, inyandiko z'agaciro cyangwa inyandiko z'imari hagati y'abantu babiri cyangwa barenga;

29° “**uburyo bwo kwishyurana**” : uburyo bw'imyishyuranire, uburyo bw'ihwanyabwishyu cyangwa uburyo bwo kwishyurana inyandiko z'agaciro;

30° “**amasezerano y'ubugwate mu by'imari ateganya iyegurirwa ry'ingwate**”: ubwumvikane burimo amasezeramo yo kuguranura ikiba cyaragurishijwe atuma uwatanze ingwate ashya burundu ingwate yatanze mu mutungo w'uwo yayihaye kugira ngo ibe incungu cyangwa ikindi gituma inshingano ze zirangizwa neza;

31° “**amabwiriza y'iherekanyamari**” :

- a) amabwiriza yose atanzwe n'ufite uruhare mu buryo bw'imyishyuranire

Transfer Orders within such systems are settled, and, as the case may be, extending credit to those participants for settlement purposes;

28°. “**settlement**”: the act of discharging obligations by transferring funds, securities or financial instruments between two or more parties;

29° “**system**” : a payment system, a clearing system or a securities settlement system;

30° “**title transfer financial collateral arrangement**”: an arrangement, including agreements, under which a collateral provider transfers full ownership of financial collateral to a Collateral Taker for the purpose of securing or otherwise covering the performance of guaranteed obligations;

31°“**transfer orders**”:

- a) any instruction by a participant to a system to place at the disposal of a

ordres de transfert de tels systèmes sont liquidés, et qui, le cas échéant, octroie des crédits en faveur de ces participants à des fins de règlements ;

28° « **règlement** » : l'acte de décharge des engagements en transférant des fonds, des titres ou des instruments financiers entre deux ou plusieurs participants ;

29° « **système** » : un système de paiement, un système de compensation ou un système de règlement de titres ;

30° « **contrat de garantie financière avec transfert de propriété** » : un contrat, y compris les conventions, aux termes duquel le constituant de garantie transfère la pleine propriété des instruments donnés en garantie au preneur de cette dernière afin d'assurer l'exécution des obligations financières couvertes ou de la couvrir d'une autre manière ;

31° « **ordres de transfert** »:

- a) toute instruction donnée par un participant à un système de mettre à

asaba gushyira kuri konti y'uwishyurwa umubare runaka w'amafaranga hakoreshejwe kuyandika mu gitabo cyabugenewe, kuyahererekanya mu buryo bw'ikoranabuhanga, cyangwa amabwiriza yose atuma inshingano yo kwishyura irangizwa nk'uko bisobanurwa mu masezerano agenga uburyo bw'imyishyuranire; cyangwa

- b) amabwiriza atanzwe n'umwe mu bafite uruhare mu buryo bwo kwishyurana yo gushyikiriza inyandiko z'imari kuri mugenzi we hakoreshejwe kuzandika mu gitabo cyabugenewe, cyangwa ubundi buryo;

32° “ihindurwa ry'inyandiko mu buryo bw'ikoranabuhanga”: gusimbuza sheki y'umwimerere cyangwa izindi nyandiko zo kwishyurana iyindi cyangwa bishingiye ku masezerano, igasimbuzwa amakuru yerekeranye n'iyi sheki cyangwa indi nyandiko biherekejwe cyangwa bidaherekejwe n'inyandiko y'umwimerere.

recipient an amount of money by means of a book entry or electronic transfer on the settlement account of a participant, or any instruction which results in discharge of a payment obligation as defined by the rules of the system, or

- b) an instruction by a participant to a system to transfer financial instruments to another participant by means of a book entry on a register, or otherwise;

32° “truncation of instruments by technology means” : the removal of an original cheque or any other payment instrument and its replacement by a substitute or, by agreement, information relating to the initial instrument, whether with or without the delivery of the original instrument.

la disposition d'un destinataire une somme d'argent au moyen d'une inscription dans le registre ou d'un transfert électronique sur le compte de règlement d'un participant, ou toute instruction qui entraîne l'exécution d'une obligation de paiement telle que définie par les règles de fonctionnement du système ; ou

- b) une instruction donnée par un participant à un système de transférer des instruments financiers à un autre participant par le biais d'une écriture dans un registre, ou autrement ;

32° « dématérialisation des moyens de paiement » : le remplacement d'un chèque original ou tout autre instrument de paiement par un substitut ou, conventionnellement, par une information relative à l'instrument initial, avec ou sans remise de l'instrument original.

**UMUTWE WA II: IMITUNGANYIRIZE
N'UBUGENZUZI BIKORWA NA
BANKI NKURU**

**CHAPTER II: REGULATION AND
SUPERVISION BY THE CENTRAL
BANK**

**CHAPITRE II : REGLEMENTATION
ET SURVEILLANCE PAR LA
BANQUE CENTRALE**

**Ingingo ya 3 : Ihame ryo kwemererwa
gukora**

Article 3: Principle of licensing

Article 3 : Principe d'agrément

Abasanganywe icyemezo cya Banki kibemerera gushyiraho inyandiko zo kwishyurana hakurikijwe itegeko rigenga amabanki cyangwa itegeko rigena ibigo by'imari iciriritse, ntibasaba urundi ruhushya. Icyakora, iyo bagiye gushyiraho ubundi buryo bushya bw'inyandiko z'ubwishyurane bagomba kumenyesha Banki Nkuru imiterere mu buryo burambuye bw'izo nyandiko nibura ukwezi kumwe mbere y'uko bazikora.

Those holding a licence granted by the Central Bank to issue payment instruments under the Banking Law or under the micro finance Law are exempted from another licence application. However, they must provide the Central Bank with a detailed description of the new payment instrument that they intend to issue, at least one month before its effective issuance.

Ceux qui possèdent la licence de la Banque Centrale pour émettre des instruments de paiement en vertu de la loi bancaire ou de la loi relative aux microfinances sont exemptés de la demande d'agrément. Cependant, ils doivent fournir à la Banque Centrale une description détaillée d'un nouvel instrument de paiement qu'ils ont l'intention d'émettre, au moins un mois avant son émission effective.

Ingingo ya 4 : icyemezo cya Banki Nkuru cyo kugenzura uburyo bwo kwishyurana cyangwa ushyiraho impapuro z'ubwishyurane

Article 4 : Decision from the Central Bank to submit a system or an issuer of payment instruments to its oversight

Article 4 : Décision de la Banque Centrale pour soumettre un système ou un émetteur des instruments de paiement à sa surveillance

Banki Nkuru ikoresheje icyemezo, yemeza ko impapuro n'ubundi buryo bwo kwishyurana cyangwa ushyiraho impapuro z'ubwishyurane barebwa n'iri tegeko. icyemezo kimenyeshwa ushinze imikoreshereze y'impapuro n'ubundi buryo bw'imyishyuranire cyangwa utanga inyandiko zo kwishyurana. Umenyeshejwe

The Central Bank may decide that a system or an issuer of payment instrument falls within the scope of its oversight, in accordance with this Law. The decision shall be notified to the operator of the System or the issuer of payment instruments, who shall be obliged, within the period specified in the decision, to file

